# Ubuhinzi mu Rwanda: Itegurwa ry' isomo ku gukatira igiti no gusazura

**IGIHE ISOMO RIMARA:** Isaha 1 n' iminota 40

**ABAHUGURWA:** Abahinzi

**UHUGURA**: Umuntu ushinzwe guhugura abahinzi

**AHO ISOMO RITANGIRWA:** Mu murima

**INTEGO:**

**Intego ya 1: Kugira ngo abahinzi bamenye impamvu dukeneye gukatira no gusazura ibiti by' ikawa.**

**Intego ya 2: Kugira ngo abahinzi bamenye igihe hamwe n' inshuro gukatira no gusazura ibiti by' ikawa bikorerwa.**

**Intego ya 3: Kugira ngo abahinzi bashobore kwerekana uko bakatira ibiti by' ikawa.**


**Intego ya 4: Kugira ngo abahinzi bashobore kwerekana uko basazura ibiti by' ikawa.**

**IBIKORESHO:**

- Ifoto ifunitse neza ku buryo idashobora kwangirika yerekana igiti gishaje n'igiti cyasazuwe. buri muntu ushinzwe guhugura abahinzi agomba guhabwa amafoto abiri.
- Sekateri 5 (secateurs)
- Inkero 5 bakoresha mu gukatira ikawa

| IGIHE | INCAMAKE Y'IBYIGWA |
|---|---|
| **Iminota 5** | **Imyiteguro ikorwa mbere y' amahugurwa**:<br><br>▪ Gukatira ikawa bizabera mu murima isomo ritangirwamo.<br>▪ Gusazura: Erekana ahantu hari ibiti bishaje cyane ku buryo bikenewe gusazurwa. Byaba byiza cyane ibi bibereye mu murima umwe ariko atari aho isomo ritangirwa. Mu gihe aho hantu habuze nihabeho kujya mu murima ukurikira. Nihabeho gusazura hagati y' ibiti 5 na 20 hagendewe ku byifuzo by' abahinzi. |

| | |
|---|---|
| **Iminota 5** | **GUTANGIRA:**<br>▪ Intangiriro:<br>○ Uhugura<br>○ Abitabiriye amahugurwa<br>○ Abatumiwe<br>▪ Gushyira ibintu ku murongo kugira ngo amahugurwa agende neza<br>▪ Gusubiramo isomo ry' ubushize hamwe n' intego<br>○ Mu kwezi gushize twize kubagara Kawa no Gusasira Kawa<br>○ Muri uku kwezi tuziga ukuntu bakatira hamwe n' uko basazura ibiti by' ikawa<br><br>**IGIKORWA: Akantu kameze nk' agakino gatuma abantu bashishikarira isomo.** |
| **Iminota 20** | **INTEGO YA 1: Kugira ngo abahinzi bamenye impamvu dukeneye gukatira no gusazura ibiti by' ikawa.**<br><br>**IGIKORWA: ibiti bitanga Umusaruro.**<br><br>a) Saba abahinzi babiri babakorana bushatse.<br>b) Umuhinzi 1, umuhe ifoto iriho igiti cy'akawa kitasazuwe,umuhinzi wa 2 umuhe ifoto iriho igiti cy'akawa cya sazuwe.<br>c) Saba abahinzi bicaye kujya inyuma Y'umuhinzi babona ufite ifoto babona izatanga umusaruro wa Kawa cyane.<br>d) Tangira ubare ntiye foto y'igiti cy'akawa yatonzweho n'abahinzi benshi.<br>e) BAZA umuhinzi umwe uhagaze iruhande rw'ifoto y'igiti cy'akawa impanvu atecyereza ko izatanga umusaruro mwinshi kurusha ikindi.<br>f) MUBIGANIREHO.<br>g) Ifashishe igikorwa mumamaze Gukora utagire unvuge ibyiza byo Gukatira no Gusazura kawa. |

**BAZA:** Gusazura no gukatira ikawa ni iki, bitandukaniye he?

**IGISUBIZO**:

- Gusazura ni ugutema uruti rw' ikawa rushaje kugira ngo hashibuke
- urundi rushya rufite itoto .
- Gukatira ni ugukuraho amashami adakenewe ari ku giti.

**BAZA:** Ni ukubera iki dukenera gusazura?

**IBISUBIZO:**

- Gusazura bituma habaho gukura kw' amashami fatizo mashya, bituma habaho amashami afite itoto atanga umusaruro wa kawa. Amashami ashaje ntabwo araba cyane cyangwa ngo atange ikawa nyinshi.
- Imungu y'ikawa (CBD) ikunze kwibasira ibiti bishaje rero guhora usazura Kawa birayigabanya. Inkanga bashi (white sterm borer) ikunda kwibasira uruti rusaje bityo rero gusazura birayindwanya.
- Kuguma habaho gusazura bituma igikorwa cyo gukatira cyoroha.

**BAZA:** Ni ukubera iki dukenera gukatira ikawa?

**IBISUBIZO:**

| | |
|---|---|
| | ▪ Gukatira bifungura ibiti, urumuri rukinjira bityo bigatuma igiti kiraba.<br>▪ Gukatira bifungura ibiti bigatuma umwuka ugera hose bityo bikarwanya udukoko twangiza ikawa hamwe n' indwara.<br>▪ Gukatira bikuraho amashami adatanga umusaruro nk' ibisambo hamwe n' amashami asobekeranye hagati y' igiti.<br><br>**IBIBAZO BIFASHA MU GUSUBIRAMO:**<br><br>▪ Ni ukubera iki ari ngombwa gusazura no gukatira ibiti by' ikawa? |
| **Iminota 10** | **INTEGO YA 2: Kugira ngo abahinzi bamenye igihe hamwe n' inshuro gukatira no gusazura ibiti by' ikawa bikorerwa.**<br><br>**BAZA:** Ni gihe ki biba ari ngombwa gusazura no gukatira ikawa?<br><br>**IBISUBIZO:**<br><br>▪ Gukatira by' ibanze: Buri mwaka mu gihe gusarura birangiye. Nyuma y' imvura irindi katira ry' ikawa riba rikenewe kugira ngo hakurweho ibisambo ku ikawa.<br><br>▪ Gusazura:  Nyuma ya buri myaka 5 kugeza kuri 6 yo gusarura. Mu gihe ibiti birengeje icyo gihe bizatanga umusaruro muke.<br><br>**IBIBAZO BIFASHA MU GUSUBIRAMO**<br><br>▪ Ni ikihe gihe cyiza mu mwaka cyo gukatira ikawa?<br><br>▪ Ni ikihe gihe cyiza mu mwaka cyo gusazura, ni kangahe wakagombye gusazura? |
| **Iminota 30** | **INTEGO YA 3: Kugira ngo abahinzi bashobore kwerekana uko bakatira ibiti by' ikawa.**<br>**IGIKORWA: Gukatira ikawa**<br><br>Umuntu ushinzwe guhugura abahinzi atoranya igiti mu murima isomo ritangirwamo ni uko akerekana ibikurikira:<br><br>▪ Igihingwa cyose gishaje gikure mu bindi biti mbere yo gukatira ikawa. Utubuto twacyo tugomba gutwikwa. Ni ngombwa cyane kubera ko ibi bigabanya indwara y' imungu y' ikawa  hamwe n' izindi ndwara. |

| | |
|---|---|
| | ▪ Mu gihe cyo gukata amashami kora ku buryo ayo mashami akatirwa ahegereye cyane ku ruti rw' igiti kugira ngo igishishwa cy' igiti kizakure kihatwikire.<br>▪ Mbere na mbere, kuraho ibisambo biri ku ruti hamwe no hasi ku ruti rw' ifatizo ukoresheje sekateri. Ibande ku kuvuga ko ibi bigomba gukorwa mu gihe cyose ari ngombwa, bishobora no kuba inshuro zirenze imwe ku mwaka.<br>▪ Kuraho amashami yose asobekeranye kugira ngo hagati mu giti hafunguke.<br>▪ Kuraho amashami ayo ariyo yose akora hasi ku butaka.<br>▪ Kuraho amashami yose yumye.<br>▪ Ibyakuweho mu gihe cyo gukatira ikawa bishobora gukoreshwa mu gihe cyo gusasira mu gihe byatemaguwe.<br>▪ Camo abahinzi amatsinda 5.<br>▪ Saba buri tsinda gukatira hagati y' ibiti 2 na 3, bakoresha sekateri kandi banagenda babwirana uko babona ibiri gukorwa.<br>▪ Nihabeho gukomeza kugeza aho ibiti 40 byose biri mu murima isomo ritangirwamo birangiza gukatirwa, niba hari igihe gihagije.<br>▪ Garura abahinzi hamwe kugira ngo habeho kuganira ku buryo bukoreshwa mu gukatira ikawa. |
| **Iminota 20** | **INTEGO 4: Kugira ngo abahinzi bashobore kwerekana uko basazura ibiti by' ikawa.**<br>**IGIKORWA: GUSAZURA KAWA**<br>▪ Kuraho ibiti 2 by'ifatizo ni uko usigeho igiti 1.<br>    o Igiti kimwe cy' ifatizo cyasigaye cyakagombye kuba ari igiti gifite ubuzima bwiza. Kigomba kuba ari igiti gishobora kuraba muri uyu mwaka kandi byaba bishoboka kikaba cyigonda cyitaza igitsinsi.<br>    o Kata ibyo biti 2 by' ifatizo, cm hagati ya 25 na 30 uvuye ku butaka ku mfuruka ya dogere 45 uturutse ku gitsinsi kugira ngo amazi azajye ashobora gutemba.<br>▪ Kuraho amashami ayo ariyo yose ku giti cy' ifatizo cyasigayeho abuza urumuri kugera ku gitsinsi-ahaturuka ibishibu.<br>▪ Sobanura ko hazabaho kongera gusura aho hantu mu gihe ibishibu bizaba bifite hagati ya cm 20 na 30 z' ubujyejuru kugira ngo hatoranywemo ibizavamo ibiti bishya by' ifatizo.<br>▪ Mu gihe ibishibu bifite umwaka umwe, igiti 1 cy' ifatizo cyasigaye kizatemwa hakoreshejwe uburyo bumwe nk' ubwo hejuru bwo gusiga ibiti by' ifatizo 3 bishya.<br>▪ Ibiti by' ifatizo byatemwe bigomba gukurwa aho turi gukorera. Amashami mato ashobora gukurwaho ngo akoreshwe mu gusasira ikawa. Ibiti by' |

| | |
|---|---|
| | ifatizo bishobora kwifashishwa nk' inkwi. |
| **Iminota 10** | **Gusoza:**<br><br>▪ Gusubiramo iby' ibanze byizwe hakoreshejwe isuzuma bumenyi<br><br>**IGIKORWA: Gusuzuma ubumenyi**<br><br>○ Ni ukubera iki dukenera gukatira ikawa?<br>○ Ni ukubera iki dukenera gusazura?<br>○ Ni ikihe gihe gikwiriye cyo gukatira ikawa?<br>○ Ni ikihe gihe gikwiriye cyo gusazura?<br>○ Dukatira ikawa inshuro zingahe?<br>○ Dusazura ikawa inshuro zingahe?<br><br>▪ Ibibazo n' ibisubizo<br><br>▪ Intambwe zikurikira: |